Iby'ingenzi wamenya bishya muri iri tegeko rishya rigenga abantu n'umuryango

1- Iri tegeko ryahurijwe hamwe itegeko rigenga abantu n'umuryango n'irigenga imicungire y'umutungo w'abashyiranwe, impano n'izungura

2- Imyaka yo gushyingirwa ni 21 ariko umuntu ugejeje byibuza imyaka 18 ashobora gusaba gushyingirwa akabyemererwa n'Umuyobozi ushinzwe irangamimerere mu Karere.

3- Abashaka gushyingirwa bashobora gukora amasezerano y'ubwumvikane imbere ya Noteri y'uko bazacunga umutungo wabo, bakanavugamo uruhare rwa buri wese mu guteza imbere urugo

4- Mu gihe cyo kurahira, abashyingiranwa ntibazongera gufata ku ibendera. Rizajya rifatwa na Executif wenyine.

5- Uburyo bwo gucunga umutungo abashyingiranwe bahisemo ntibuzongera gutangazwa mu ruhame.

6- Inkwano ntibuza abashaka gushyingiranwa gukomeza gahunda zabo

7- Mu gihe habaye divorce, mwarasezeranye ivangamutungo rusange, muzajya mugabana 50% ari uko mwamaranye byibuze 5yrs, bisabwe n'umwe mu bashyingiranwe.

8- Mu gihe upfushije uwo mwashakanye, mwarasezeranye ivangamutungo rusange, uzajya wemererwa kwegukana umutungo wose asize ariko ntuzemererwa kugurisha cg gutanga ibirenze 1/2.

9- Umuntu warengeje 30jrs atandikishije umuntu we wapfuye ntazongera gutanga ikirego ahubwo azajya yandikira umwanditsi w'irangamimerere asobanura impamvu yatinze kumwandikisha anamusabe ko amwandika.